

**IBARUWA IMENYESHA ABABYEYI N'ABARERA ABANA IBYEREKERANYE N'ISUZUMABUMENYI
RYA NAEP RYO MU MWAKA WA 2026**

[SCHOOL LETTERHEAD]

[DATE]

Mubyeyi cyangwa urera umwana,

[SCHOOL NAME] yatoranyijwe mu bigo by'amashuri bigomba kwitabira Isuzumabumenyi ryerekeranye n'imyigire ryo ku rwego rw'igihugu (NAEP), ritangwa n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare ryo mu burezi cyo muri Minisiteri y'Uburezi ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, riteganyijwe kuba ku itariki ya [DATE]. NAEP ikubiyemo amasuzumabumenyi agenerwa abanyeshuri bo mu mwaka wa 4 n'uwa 8 yerekeranye no gusoma n'imibare. Amanota asohoka nk'Indangamanota y'igihugu, kandi amakuru yakusanyijwe binyuze muri NAEP akoreshwa mu igereranya ryo ku rwego rw'igihugu n'iryo ku rwego rwa buri Leta.

Abenshi mu banyeshuri bakora isuzumabumenyi rya NAEP, barikora mu gihe cy'iminota 120, habariwemo n'umwanya wo kuva mu kizami kimwe batangira ikindi, guhabwa amabwiriza, no gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi bisubizwa ku bushake. **Amakuru yakusanyijwe binyuze mu isuzumabumenyi rya NAEP akoreshwa mu rwego rw'ibarurishamibare gusa.** Uko umwana wawe yitwaye mu isuzumabumenyi rya NAEP ntacyo bihindura ku manota ye asanzwe, kandi ibigo by'amashuri/abanyeshuri bitabira isuzumabumenyi rya NAEP ntibazabona amanota abanyeshuri bagize muri iryo suzumabumenyi. Buri munyeshuri wese wakoze isuzumabumenyi asuzumwa mu isomo rimwe gusa. Abanyeshuri bashobora kwemererwa kudakora isuzumabumenyi rya NAEP kubera impamvu iyo ari yo yose. Nta tegeko rihari ry'uko bagomba gukora iryo suzumabumenyi kandi bashobora gusimbuka ikibazo icyo ari cyose.

Mu isuzumabumenyi rya NAEP ryo mu mwaka wa 2026, abanyeshuri biga ku bigo by'amashuri bifite ibikoresho byujuje ibisabwa mu rwego rwa tekhnike ku buryo byakwifashishwa mu gukora isuzumabumenyi rya NAEP, bashobora gukora iryo suzumabumenyi bakoresheje igikoresho cy'ikigo cy'amashuri. Abanyeshuri biga ku bigo by'amashuri bifite ibikoresho bitujuje ibyo bisabwa mu rwego rwa tekhnike, bazakora iryo suzumabumenyi bifashishije ibikoresho bizatangwa mu rwego rw'isuzumabumenyi rya NAEP.

Uretse iryo suzumabumenyi, abanyeshuri bazarikora nibabishaka bazanasubiza ibibazo by'ubushakashatsi byerekeranye na NAEP, bituma haboneka amakuru yerekeranye n'ibyo abanyeshuri bahura na byo mu masomo yabo n'amahirwe babona yo kwiga baba bari mu ishuri cyangwa hanze yaryo. Andi makuru yerekeranye n'ibibazo by'ubushakashatsi byerekeranye na NAEP biboneka kuri nces.ed.gov/nationsreportcard/parents, ahanditse "Survey Questionnaires & Your Student: What You Need to Know".

Si itegeko ko umwana wawe yiga mu gihe arimo kwitegura gukora isuzumabumenyi rya NAEP, ariko turagusaba gushishikariza umwana wawe gukora iyo bwabaga. Niba udashaka ko umwana wawe akora iryo suzumabumenyi, twandikire ubitumenyeshe bitarenze ku itariki ya [DATE].

Vugisha [NAME] kuri [TELEPHONE #] cyangwa umwandikire imeyiri kuri [EMAIL ADDRESS] niba hari ikibazo wifuza kubaza.

Murakoze!

[SCHOOL PRINCIPAL'S NAME]

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare ryo mu burezi (NCES) gikoresha Isuzumabumenyi ryerekeranye n'imyigire ryo ku rwego rw'igihugu (NAEP) hagamijwe gusuzuma gahunda z'uburezi zikoreshwa mu gihugu hose. Amakuru yose utanga akoreshwa gusa mu rwego rw'ubushakashatsi, ibarurishamibare n'isuzuma biteganywa n'Itegeko rigenga ivugururwa ry'uburezi ryo mu mwaka wa 2002 (ESRA; 20 U.S.C. § 9543) kandi ntashobora kumenyekanishwa cyangwa gukoreshwa mu buryo bushobora gutuma umwirondoro w'abayatanze umenyekana, uretse gusa igihe akoreshejwe ku mpamvu ziteganywa n'itegeko. Buri mukozi wese wa NCES ndetse n'umuntu ukorana na NCES, harimo ba rwiyemezamirimo n'abakurikirana isuzumabumenyi rya NAEP, bafite indahiro bakoze kandi bashobora gukatirwa igihano cy'igifungo kigera ku myaka itanu, amande agera ku madolari 250.000 cyangwa byombi, igihe baramutse bamenyekanishije ku bushake amakuru AYO ARI YO YOSE ashobora gutuma umwirondoro wawe umenyekana, kandi bakabikora batabiherewe uburenganzira. Iyo amakuru yawe atanzwe hakoreshejwe uburyo bwa elegitoronike, abakozi ba leta na ba rwiyemezamirimo bakorana na leta bayasuzuma nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga ryo mu mwaka wa 2015, kugira ngo barebe niba nta virusi cyangwa porogaramu zangiza zayibasira, cyangwa niba nta bindi bishobora kuyangiza.